Iby'umwemeramana biratangaje! Ibye byose kuri we biba ari byiza! Ariko nta wundi bijya bishobokera uretse umwemeramana

Hadith yaturutse kwa Swuhayb (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Iby'umwemeramana biratangaje! Ibye byose kuri we biba ari byiza! Ariko nta wundi bijya bishobokera uretse umwemeramana, iyo agezweho n'ibishimishije arashimira, bikaba byiza kuri we, n'iyo agezweho n'ibidashimishije arihangana nabyo bikaba byiza kuri we."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratangarira umwemeramana n'ibyo byose mu rwego rwo kwerekana ko ari byiza; kuko ibihe bye byose kuri we biba ari byiza, ariko ibi nta wundi ubigira uretse umwemeramana. Iyo hari ikimubayeho kimushimishije arashimira, akabibonera ibihembo n'ingororano; N'iyo hari ikitamushimishije kimubayeho arihangana, nabyo akabibonera ibihembo n'ingororano, bityo ibimubayeho byose arabihemberwa.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3298